



Ikiyamakuru ku miterere y'ibihe N°01/2017:

Taliki ya 1-10 Mutarama 2017

Ryoherejwe kuwa 12 Mutarama 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu 1-10_Mutarama_2017; cyagaragaje imvura yagabanutse mu Ntara y'Uburasirazuba ndetse n'ubwiyongere mu Ntara y'Uburengerazuba.
- o **Ububobere bw'ubutaka** bwagabanutse mu gihugu hose haba mu gice cya gatatu cy'Ukuboza_2016 ndetse n'igice cya mbere cya Mutarama_2017, ariho hanabonetse ubwiyongere ku bubobere mu Burengerazuba bw'igihugu
- o **11-20_Mutarama_2017**; hataganyijwe **igabanuka ry'imvura** mu bice byose by'igihugu

I. Iriburiro


Ugice cyose cy'uburengerazuba bw'igihugu mu gice cya mbere cya Mutarama_2017; hagaragaye imvura iri hejuru y'iyi dusanzwe tubona; naho Intara z'Amajyepfo n'Uburasirazuba haboneka imvura iri muni y'iyi dusanzwwe tubona.

- Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 1-10_Mutarama_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyi minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mutarama_1-10_2017	Mutarama_1-10
Kigali	5.6	27.8
Rusizi (Kamembe)	62.5	49.2
Rubavu (Gisenyi)	64.7	26.1
Nyamagabe (Gikongoro)	52.4	47.3
Ngoma (Kibungo)	1.5	30.6
Gicumbi (Byumba)	10	16
Bugarama	55.2	40.6
Musanze (Ruhengeri)	4.8	22.1
Gitega	15.4	11.3
Rubengera	31.5	15.8
Byimana	8	38.2
Kawangire	0	25.4
Nyagatare	3.5	2.2


Imbonerahamwe ya




Igishushanyo

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 1-10_Mutarama_2017 ndetse imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31_Ukuboza_2016 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 1-10_Mutarama_2017




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-10_Mutarama



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): 21-31_Ukuboza_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Ukuboza



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu 1-10_Mutarama_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 1-10_Mutarama_2017; cyagaragaje imvura yiyongereye mu Burengerazuba bw'igihugu kubera imiyaga ihehereye ituruka mu mashyamba ya Congo (reba **Ikarita1&2**) naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 21-31_Ukuboza_2016; cyagaragaje imvura nke kubera imiyaga yari ifite icyerekezo cy'amajepfo ntihurire mu Rwanda (reba **Ikarita3&4**)

a) Intara y'Uburasirazuba

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara habonetse imvura nke ugereranyije n'iyi dusanzwe tubona muri icyo gihe (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

b) Intara y'Amajyaruguru

Henshi hagaragaye imvura iri ku gipimo dusanzwe tubona igenda yiyongera ugana mu Burengerazuba bw'iyi Ntara (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

c) Intara y'Amajepfo

Uretse amajepfo y'uburengerazuba bw'iyi Ntara ku bupimiro bwa Nyamagabe habonetse imvura nyinshi; ku bundi bupimiro habonetse imvura iri munsi y'iyi dusanzwe tubona muri iyi minsi (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

d) Intara y'i Burengerazuba


Ubupimiro bwose bwagaragaje ko imvura yabonetse iri hejuru y'iyoy dusanzwe tubona (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse yiyongereye ugana mu burengerazubwa; aho ku bupimiro bwa Kigali habonetse mm 5.6 z'imvura (reba **Imbonerahamwe ya1** n' **Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Kuva 21_Ukuboza_2016 kugeza 10_Mutarama_2017; igabanuka ry'imvura ryateye ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka; ariko hanaboneka ubwiyongere ku bubobere mu gice cy'uburengerazuba bw'igihugu kubera imvura yabonetse mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Mutarama 2017 (reba **Ikarita 5&6**)

Mu gice cya kabiri cya Mutarama_2017; hateganijwe imvura izakomeza kugabanuka mu bice byose by'igihugu cyane cyane mu bice by'uburasirazuba, mu gihugu hagati, amajyepfo ndetse n'amajyaruguru.

Abahinzi barasabwa gushyira mu bikorwa ingamba zose mu gufasha imirimo yo mu mirima

Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Mutarama_2017

Hateganijwe imvura izagabanuka cyane mu bice byose by'igihugu:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe ibicu byiganje.

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe ibicu byiganje.

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe ibicu byiganje n'imvura nke mu bice byinshi by'iyi Ntara.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe ubwiganze bw'ibicu ndetse n'imvura nke mu bice by'uburengerazuba bw'iyi Ntara.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe ubwiganze bw'ibicu ndetse n'igabanuka ry'imvura mu Ntara yose.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)